| Kinyarwanda II |
|---|
| **090** |
| 16 Nov. 2005   14h00-17h00 |

INAMA Y'IGIHUGU ISHINZWE IBIZAMINI

B.P 3817 KIGALI-TEL/FAX : 586871

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE 2005

**IKIZAMINI : IKINYARWANDA II**

**AMASHAMI :**
- **NORMALE PRIMAIRE**
- **TEACHER TRAINING COURSE (A)**
- **DROIT ET ADMINISTRATION**
- **ACTION SOCIALE**
- **HYGIENE ET ASSAINISSEMENT**

**IGIHE KIMARA : AMASAHA 3**

**AMABWIRIZA :**

Ikizamini kigizwe n'ibice bine :

**Igice cya mbere** : Kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 42,5)**

**Igice cya kabiri** : Ikibonezamvugo **(amanota 25,5)**

**Igice cya gatatu** : Ubumenyi rusange n'imyandikire **(amanota 17)**

**Igice cya kane** : Ihimbamwandiko **(amanota 15)**

Amanota yanditse imbere ya buri kibazo. Ubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye, nta kurondogora.
Ireme, n'intego bigomba gutungana.
Kirazira kwandika izina ryawe cyangwa iry'ikigo wigamo mu gice cy'ihimbamwandiko.
Siga umwanya wandikwamo amanota.
Gusiribanga bitwarirwa amanota.

**Umwandiko : AMAVUTA ATEYE KWINSHI :**

Mu Kinyarwanda, amavuta ni ijambo risobanura ibintu biyagirana bishobora gushonga bigatemba bûuzi iyo bishyuhiranye. Ayo tumenyereye ni ayakomoka ku mata y'inka cyangwa izindi nyâmabêere, ku rugimbu rw'inyamaswa no ku bihingwa bimwe na bimwe by'ibinyamavuta. Andi aracukurwa, akavomwa mu kuzimu munsi y'ubutaka.

Muri rusange ayaâzwi ni ikimuri, akomoka ku yêera. Umukamyi arinikiza, yahumuza bagatereka, akazaavuura, akabuganizwa mu gisabo agacundwa, yareta, bakayaavuura batandukanya amacunda n'isoro. Umububmbe w'amavuta bawitaga kandi isiimbo cyangwa ideênde.

Tubyibukire kuri wa mugani unenga ubutanyurwa bw'indashima ugira uti « Abo watêeye amasoro nibo bagutera amabuye » Yabikwaga mu icendwe cyangwa mu rwabya, agaterekwa ku kageege, umugore agahora ayitayeho. Mu mvugo iziguye uwagutukaga kumena icwende yabaga akwifurije kubura uwo mwashakanye. Kandi ngo « akabaye icendwe ntikoga »

Yagiraga akamaro kenshi. Abatetsi bayarungishaga ibiryo bikaryoha, bagakoresha ariko amavuta akuze, yabitswe igihe kirekire. Yarisigwaga kuva ku birenge kugera ku musatsi, akavura umvuvu, umwera n'amavunane, akananuura ingingo, akanoza umubiri uwisize menshi agakabya bavugaga ko yitototebetse;

Na ho uwabikuranye ubuhanga buke bakavuga ko yisize ibirabagu. Kubera kutizera ejo hazaza bagiraga bati « Amavuta y'umugabo ni ayamuraye ku mubiri » Abakera kandi bayasigaga ibyahi, inkanda, impu n'impuzu bambaraga. Aho abazungu n'abacuruzi b'abarabu bagereye mu gihugu, bazanye amavuta n'imibavu bya kizungu bisutse mu ducupa, mu dukopo no mu mikebe. Amavuta yabaga ikivûno cy'imiti ya Gîhaanga yisigwa nk'iyavuraga imvune, ubuheri, ibibyimba, ibisebe n'izindi ndwara. Yashoboraga guhembwa abakozi basohoje umirimo inyuranye nk'abahinzi, ababaji, abubatsi n'abandi; no kuguranwa ibikenewe. Ni byo bitanga kubâdika; na yo bayita amabâdikano. Bacaga umugani ngo « ubadika ntarobanura » Isoro rya muhinzi ryanganaga n'ibipfunsi bibiri by'umusore w'igikurankota.

Amavuta yashoboraga gucanwa. Nk'imbuto z'ibibonobono abakera bitaga imbôni, amagâji cyangwa imbonobono zigira amavuta yaka nk'amatabaza iyo zitondetse nk'amasaro y'urunigi. Burya ngo zivamo n'imiti ivura amavunane n'iyoza amara, ikagomorora abagugaraye. Urundi rugero rufatika ni urugimbu abapfumu bacanaga bagatereka mu kimuga igihe baraguraga. Amavuta yakoreshwaga mu mihango inyuranye nk'iy'ubukwe, iy"ibwami cyane cyane iyo kwimika.

Nyuma y'umwaduko w'Abazungu mu marembera y'ikinyejana cya cumi n'icyenda (XIX), Abanyarwanda bagejejweho buhoro buhoro ibihingwa by'ibinyamavuta, birabagoboka mu mirire yabo.

Twavuga nk'ubwoko bw'imikindo yera mu turere dushyuha, imbuto zayo zikamurwamo amamesa. Ubunyobwa bamwe bita ububeemba, inkaranka cyangwa ubuyôobê bwera henshi mu Rwanda. Buribwa bukaranze, burasekurwa bugatekwamo amasosi, bukamurwamo amavuta meza cyane yitwa amakaranka. Imbeba na zo zirabukunda byasaze. Ibihwagari bamwe bita ibihôobê, ibihwaagihwâagi ni ibihingwa by'ingirakamaro. Bemeza ko bihora byunamye byerekeye iburasirazuba.

Amahundo yabyo ateye nk'ibinyagu bihunzwe n'imbuto zera, bikorwamo amasosi, bigakamurwamo amavuta azira amatepfu.

Soya na yo ni ikinyamisogwe gikungahaye ku mavuta no ku zindi ntungamubiri. Nk'ababyeyi bayimenyereye bazi ko ivura abana bwaki. Uretse igikoma n'amata, tofu iteye nk'umutsima uhatse inderabuzima, ivamo amavuta y'ubuto ashimwa na benshi. Nk'ubunyobwa n'ibihwagari, soya igira ibikatsi bishobora kugaburirwa amatungo no gufumbira imirima.

Ibigori tumenyereye kotsa, gutogosa no guteka impungure, tubisyamo ifu yarikwamo umutsima, igashigishwamo igikoma, burya byengwamo inzoga zikaze. Na byo bigira amavuta meza. Kotsa ibigori byumye ni ikubiteteza. Biribwa n'ufite amenyo akomeye. Ibigorigori bigaburirwa amatungo. Kubera ko bikundwa na byinshi, bigomba kurindwa ibyonnyi nk'ingunzu, inyoni na nkongwa. Aho bihunitse birahungirwa bikarindwa imungu.

Avoka na yo ikungahaye ku mavuta. Ishobora kuvangwa n'ibindi biribwa, uwegereye ameza agakura ibondo. Aho inganda zitunganya ibihingwa zateye imbere, ngo bayivanamo isabune, imiti inyuranye n'imishongi isigwa ku migati. Imbuto z'agati kera ipamba na zo zivubura amavuta atekwa. Hari n'ibindi bihingwa bibyazwa amavuta bitarageragezwa iwacu.

Burya habaho n'inyamaswa zihatse amavuta atubutse yitwa urugimbu, aba hagati y'uruhu n'inyama. Turubona kenshi ku nka y'ingumba, ku mfizi y'ubukombe ku ngurube ku z'ishyamba nk'isatura imvubu n'izindi no ku mafi atari make. Tugarutse ku ngurube gato, uruhu rwayo rufubitse amavuta atari make. Iyo barwogosheho ubwoya, bakarukataguramo uduce duto duto, bakaducanira, turashonga, tukamininwamo amavuta atekwa yitwa seendu (saindoux /lard). Udukoba dusigaye tuvangwa n'ibindi bitekwa bikaba mahwi.

Hari n'amavuta ngengabukungu, acukurwa mu kuzimu, twita peteroli n'ayikomokaho yose. Ikamye kuri iyi si ubuzima n'imibereho y'abayituye yahindagurika, yabangamirwa bikabije.

Inzobere mu bukungu zigereranya peteroli mu nganda no mu bucuruzi by'ibihugu byateye imbere n'amaraso mu mubiri wacu. Ni cyo gituma kenshi yabaye gashozantambara hagati y'ibihugu biharanira kuyikubira.

Iryo jambo ryahemberewe n'igiswayire risobanura peteroli n'ibiyikomokaho bitari bike. Yaba ikoreshwa mw'itara n'akatadowa (tadowa) benzine igurutsa indege, lisansi na mazuûtu (gasoil) zitembereza amamodoka, amapikipiki n'amato, ayakoreshwa muri gari ya moshi yose ngo ni amavuta. Ivamo ibivuta bifashe basiga icyuma ngo bitagwa ingese (grease). Kaburimbo inoza imihanda imodoka zayigeramo zikamera amababa ikomoka kuri peteroli. Injenyeri wakoresheje bwa mbere ubwo buhanga bwo kuyitunganya igakomera nk'urutare yitwa Mac Adam, John Laudon (1756-1836).

Peteroli ivanwamo kandi palasitike zikorwamo ibintu binyuranye dukenera buri munsi : nk'ibigega, ibitembo, imiyoboro by'amazi n'imiheha, ifubika amatsinga y'umuriro, ikorwamo indobo, amabesani, amasahani, ibisorori, amakanya, ibiyiko, ibikombe, amacupa, inkweto, amakote atamenwa n'imvura, amakaramu, ameza, intebe, insokozo, udukinisho tw'abana, ibiriîndi, uduhago dupfunyikwamo n'ibindi. Zigize ibice binyuranye by'ibikoresho by'ingirakamaro nk'imodoka, telefoni, za mudasobwa, amatereviziyo, radiyo n'ibindi. Amavuta n'imibavu bigezweho, imiti yica udukoko, cyangwa ivura abantu n'amatungo, amarangi y'amabara anyuranye, amafumbire n'ubudodo mvaruganda n'umwuka ucanwa, ukamurika cyangwa ugatekeshwa ukomoka kuri peteroli.

Dukeneye amavuta ndyoshyandyo, ayisigwa n'ayo gucana. Twongere umusaruro w'ibihingwa by'inyamavuta, dutere inkunga ubworozi bw'amatungo abyara amavuta ! Na ho ibyerekeye peteroli twirinde gusesagura, dukoreshe iyo dukeneye gusa ubundi twitoze gukoresha ingufu zikomoka ku bindi nk'izuba, umuyaga, imyanda...n'ibindi.

## IGICE CYA MBERE : UMWANDIKO

**A. Kumva umwandiko** **(amanota 24)**

**SUBIZA MU MAGAMBO YAWE BWITE**

**<u>Icyitonderwa</u> : Kwandukura interuro uko yakabaye cyangwa igice cyayo bifatwa nko gukopera.**

1. Andika inkomoko eshatu (3) z'amavuta zivugwa mu mwandiko. **(1,5)**

2. Tanga imimaro itandatu (6) y'ibigori igaragara mu mwandiko. **(3)**

3. Rondora ibihingwa bitandatu (6) by'ibinyamavuta byavuzwe hagati y'umurongo wa 37 n'uwa 60. **(3)**

4. Erekana imimaro itanu (5) y'amavuta yagaragaye mu mwandiko uhereye ku kimuri. **(2,5)**

5. Umwongereza uvugwa wavumbuye ubuhanga bwo gusiga kaburimbo mu mihanda yitwaga nde ? Yabayeho imyaka ingahe ? Ubwo yatabarutse ageze mu kihe kigero ? **(1,5)**

6. Garagaza amazina ane (4) y'ibyonnyi byibasira ibigori na kimwe (1) cyonona ubunyobwa, biboneka mu mwandiko. **(2,5)**

7. Uhereye ku murongo wa 83 ukagera ku wa 85, andika amazina y'ibikoresho umunani (8) byo mu rugo dukenera buri munsi, bikomoka kuri peteroli (plastike) **(2)**

8. Kuki amavuta ya peteroli bayita gashozantambara ? Bitangire ingero ebyiri z'intambara zabaye mu bihugu by'abarabu byo mu burasirazuba bwo hagati bikize kuri ayo mavuta. **(2)**

9. Sobanura mu nteruro imwe gusa uyu mugani mugufi "Amavuta y'umugabo ni ayamuraye ku mubiri" Tanga undi mugani uhuje ibisobanuro n'uyu. **(2)**

10. Ayo mavuta acukurwa amaze iki mu bwikorezi ? Uhereye ku mwandiko, garagaza ibigenda bitatu atiza ingufu. **(2)**

11. Sobanura mu nteruro ebyiri, intangiriro n'umwanzuro w'uyu mwandiko. **(2)**

**B. INYUNGURAMAGAMBO**

**12. SOBANURA MU MAGAMBO YAWE BWITE AY'UMWANDIKO AKURIKIRA :** **(amanota 12)**

a) isiimbo
b) icwende
c) urugiîmbu
d) kwitotobeka
e) kugwa ingese (ibyuma)

f) gukũura iboondo
g) amagâji
h) ikinyamisogwe
i) kumera amababa (imodoka)
j) guteteza (inyito ebyiri)
k) amabâdikano
l) ikivũno (cy'umuti)

**13. IMPUZANYITO**

**a) Uzuza ukoresheje amagambo y'impuzanyito ari mu mwandiko** **(amanota 2,5)**

Amavuta y'inka yitwa............, aya soya yitwa.............
ay'ubunyobwa yitwa .............ay'umukindo ni ............
ay'ingurube ni ..........

**b) Uhereye ku bumenyi bwawe bw'ururimi andika impuzanyito zabugenewe z'amata y'inyamabere zikurikira :** **(amanota 2)**

Ay'ihene yitwa.................cyangwa.................
ay'intama yitwa....................ay'ingurube ni...............

**14. IMBUSANE**

**Andika imbusane z'aya magambo dusanga mu mwandiko :** **(amanota 2)**

| | |
|---|---|
| Uburasirazuba ≠........... | kugomera ≠........... |
| Gutera imbere ≠........... | inzoôbeere ≠........... |

**C. IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO**

**15. Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo n'inteko cyangwa ngenga zayo (ku nshinga itondaguye)** **(amanota 4)**

a) urugimbu ruboneka no ku nyamaswa z'ishyamba nk'imvubu n'inkura; no ku mafi amwe.
b) Ikimuri cyavangwaga n'imiti ya Gĩhaanga.

**16. Garagaza intêgo y'amagambo yaciweho akarongo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine)** **(amanota 9,5)**

a) Amavuta meza akuze yahembwaga abakozi basohoje umurimo
b) Imbônobôno zatondetswe nk'amasaro y'urunigi zaka nk'amatabaza.
c) Iyo ibikatsi by'imbuto byashyushye bishobora gukamurwa.
d) Amasaka n'ibigori byeze bigira ibyonnyi bigabanya umusaruro.
e) Umusyi w'ibigori yitondera gusya ifu y'inono.

**17. UBUTINDE N'AMASAKU**

**a) Tandukanya amagambo yandikwa atya ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'amasaku ariko ugabanya ibimenyetso .** **(amanota 6)**

* umweera (umuzungu) ≠umweera(uruhu ruvuvuka) **(1)**
* igikombe (banyweramo) ≠...........(hagati y'imisozi) **(1)**
* kunoza (gutunganya) ≠........... (kumwaza) **(1)**
* kuvura (kw'amata) ≠........... (umurwayi) **(1)**
* guhembera (kwishyurira) ≠...........(kongera imbaraga z'umuriro) **(1)**
* igikoma (cy'amasaka) ≠...........(cy'insina) **(1)**

**b) Andika iyi nteruro ugaragaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku kandi ugabanya ibimenyetso** **(amanota 6)**

Abashishoza iby'ubukungu bagereranya peteroli n'amaraso cyangwa ibifungurwa ku mubiri wacu.

## D. IGICE CYA GATATU

**18. UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI N'IMYANDIKIRE** **(amanota 4)**

a) Inkoranyamagambo ikubiyemo iki ? Yubahiriza iki iyo itondeka amagambo? **(2)**
b) Andika imimaro ibiri (2) y'ikibonezamvugo ku banyeshuri. **(2)**

**19. IMYANDIKIRE YEMEWE Y'IKINYARWANDA** **(amanota 13)**

**a) utwatuzo dukurikira twitwa dute ? Dukoreshwa dute ? Tanga urugero rw'interuro ngufi y'umurongo umwe kuri buri katuzo.** **(amanota 8)**

- Hano urugero rureke.

...

/ andika ahantu habiri gakoreshwa

**b) Kosora iyi nteruro wubahiriza amategeko yemewe y'imyandikire y'ururimi .** **(amanota 5)**

abacuruza amavuta ya Peterori bahuriye murugaga rw'ibihugu rufite ikicaro iVienne/Vienna muri otrichi/austria rwitwa opep/opec. Nirwo rugena umubare w'utugunguru tugomba gucukurwa buli munsi. Ariko biciro nya kuri bishirwa ho namasosiyete akomeye yo muri amerika n'iburayi nka standard, mobil, Shell Total n'ayandi.

## E. IGICE CYA KANE : IHIMBAMWANDIKO (amanota 15)

**Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko 2 zikurikira uyibyaze umwandiko w'imirongo 25 yuzuye y'amagambo 8 umwe umwe nibura.**

20. Mu mibereho yanjye ya buri munsi y'umunyeshuri cyangwa y'umukozi kuva mbyutse kugera ndyamye, dore uko nkoresha umavuta n'ibindi bikomoka kuri peteroli (nka plastike).

21. "Amavuta y'umugabo ni ayamuraye ku mubiri" Erekana ko iyi mvugo itareba kure, wandika no ku bikorwa bitanu (5) wagezwaho no kuzigama, no kwiteganyiriza.

**N.B : Icyitonderwa : Kirazira kugaragaza amazina yawe bwite cyangwa ay'ikigo wigamo.**